Amaze kubona ibaruwa ya NSANZUMUGANWA John yakiriwe ku wa 09/11/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy’Irangamimerere;

**Yemeje ko:**

Bwana NSANZUMUGANWA John utuye mu Mudugudu wa Nyarubare, Akagari ka Rwempasha, Umurenge wa Rwempasha, Akarere ka Nyagatare mu Ntara y’Iburasirazuba, uboneka kuri telephone N° 0788432793, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **KAYITARE John.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 20/02/2019

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase**  
**Minisitiri**

**REPUBULIKA Y’U RWANDA**

**MINISITERI Y’UBUTEGETSI BW’IGIHUGU**

**P.O.BOX 3445, KIGALI**

**Website: [www.minaloc.gov.rw](http://www.minaloc.gov.rw)**

**ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA**

**Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Iguhugu;**

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n’umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n’inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya IGIRANEZA Phoibe yo ku wa 30/10/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy’Irangamimerere;

**Yemeje ko:**

Madamu IGIRANEZA Phoibe utuye mu Mudugudu wa Kagunga I, Akagari ka Kagunga, Umurenge wa Gikondo, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, ubarizwa kuri telephone N° 0788607516, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe **IGIRANEZA RURANGWA Phoebe**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 31/03/2019

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase**

**Minisitiri**

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NYANDWI Omar RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NYANDWI Omar, mwene MUTABAZI Frédéric na MUSANABERA Stéphanie, utuye mu Mudugudu wa Nyakabanda, Akagari ka Nyakabanda I, Umurenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone no. 0783524469/0728151135;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe, NYANDWI Omar, agasimbuza izina NYANDWI izina **MANZI**, akitwa **MANZI Omar** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina NYANDWI ari izina risobanura umubare w'abana umubyeyi aba amaze kubyara, iki gisobanuro akaba atakishimiye ndetse akaba yumva nta kamaro kimufitiye;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina NYANDWI akarisimbuza izina **MANZI** mu mazina asanganywe, NYANDWI Omar, bityo akitwa **MANZI Omar** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUTONI Diana RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUTONI Diana mwene KABATSI Thomas na MUNYANA Mary utuye mu Mudugudu wa Mukoni, Akagari ka Kamashashi, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone no 0788500237;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina MUTONI akarisimbuza izina UMUTONI, izina Diana akarisimbuza izina Diane mu mazina asanganywe, MUTONI Diana akitwa **UMUTONI Diane** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko amazina MUTONI Diana ari amazina yakoresheje kugira ngo yisanishe n'abanyamahanga abashe kwiga;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina MUTONI akarisimbuza izina UMUTONI, izina Diana akarisimbuza izina Diane mu mazina asanganywe, MUTONI Diana, bityo akitwa **UMUTONI Diane** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BANYANGABOSE Pauline RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa BANYANGABOSE Pauline mwene NSABIMANA na MUKAHIGIRO Sydonie utuye mu Mudugudu wa Kindoyi, Akagari ka Congo-Nil, Umurenge wa Gihango, Akarere ka Rutsiro mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telefone no 0783592737;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina BANYANGABOSE izina **UWAYEZU** mu mazina asanganywe BANYANGABOSE Pauline akitwa **UWAYEZU Pauline** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina BANYANGABOSE ari izina ry'irigenurano rikaba rimutera ipfunwe muri bagenzi be.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina BANYANGABOSE izina **UWAYEZU** mu mazina asanganywe BANYANGABOSE Pauline bityo akitwa **UWAYEZU Pauline** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NTEZIMANA Enock RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NTEZIMANA Enock mwene NTEZIMANA Vivien na KALINDA Jacqueline utuye mu Mudugudu wa Karisimbi, Akagari ka Kabuga, Umurenge wa Rusororo, Akarere ka Gasabo mu Muji wa Kigali, uboneka kuri telefone no 0788729095;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina NTEZIMANA izina **GWIZA** mu mazina asanganywe NTEZIMANA Enock akitwa **GWIZA Enock** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina NTEZIMANA ari izina ry'irigenurano akaba yumva ritamunogeye bitewe n'uko atazi Imana ababyeyi be bavugaga.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina NTEZIMANA izina **GWIZA** mu mazina asanganywe NTEZIMANA Enock bityo akitwa **GWIZA Enock** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA CYURINYANA Uwamwezi RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa CYURINYANA Uwamwezi mwene RUSHOMWINTWARI Innocent na MUSABYIMANA Laurence, utuye mu Mudugudu wa Kagarama, Akagari ka Gasharu, Umurenge wa Rutare, Akarere ka Gicumbi mu Ntara y'Amajyaruguru;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina UWAMWEZI izina **Alice** ku mazina asanganywe CYURINYANA Uwamwezi akitwa **CYURINYANA Alice**;

Impamvu atanga ni uko izina Alice yaribatijwe mu Itorero ry'Abapantekote mu Rwanda. Ikindi ni uko iri zina yarikoresheje ku nyandiko z'ishuri.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina UWAMWEZI izina **Alice** ku mazina asanganywe CYURINYANA Uwamwezi akitwa **CYURINYANA Alice** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BANZUBAZE Onesphore RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa BANZUBAZE Onesphore mwene RUGARAVU Louis na NYIRABAGOYI Stephanie, utuye mu Mudugudu w'Inyambo, Akagari ka Agatare, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone: 0788746825;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Amani** mu mazina asanganywe BANZUBAZE Onesphore akitwa **BANZUBAZE Onesphore Amani**;

Impamvu atanga ni uko izina **Amani** yaryiswe ubwo yahinduraga idini akajya muri Isilamu.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina Amani mu mazina asanganywe BANZUBAZE Onesphore bityo akitwa **BANZUBAZE Onesphore Amani** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.



**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA ISHIMWE Trésor RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa ISHIMWE Trésor mwene BYEHUNGA Eugène na UWIMANA Marie Claire, utuye mu Mudugudu wa Nyagasozi, Akagari ka Gihinga, Umurenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi mu Ntara y'Amajyepfo, uboneka kuri telephone: 0783611372;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe ISHIMWE Trésor akongeraho izina **BYEHUNGA**, akitwa **ISHIMWE BYEHUNGA Trésor** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **BYEHUNGA** rikomoka kuri se witwaga BYEHUNGA Eugène utakiriho, akaba yifuza kuryitwa nk'izina ry'umuryango wabo kuko ariwe mwana we usigaye kugira ngo ritazazima.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **BYEHUNGA** ku mazina asanganywe, ISHIMWE Trésor, bityo akitwa **ISHIMWE BYEHUNGA Trésor** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUJAWAMARIYA Evelyne RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUJAWAMARIYA Evelyne, mwene RUTIKANGA Jean na BARASEBYA Marie, utuye mu Mudugudu wa Cyumba, Akagari ka Nsherima, Umurenge wa Bugeshi, Akarere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telephone: 0784078384;

Yanditse asaba uburenganzira bwo gusimbuza izina Evelyne izina **RUTIKANGA** mu mazina asanganywe MUJAWAMARIYA Evelyne akitwa **MUJAWAMARIYA RUTIKANGA** mu Irangamimerere ye;

Impamvu atanga ni uko izina RUTIKANGA ari izina rya se ashaka kwitwa ndetse akaba yararikoresheje kugira ngo yuzuze ibyasabwaga kugira ngo abashe kwiga mu gihugu cya Kongo.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Evelyne izina **RUTIKANGA** mu mazina asanganywe MUJAWAMARIYA Evelyne akitwa **MUJAWAMARIYA RUTIKANGA** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA RUZIBIZA Kelvin Emmanuel RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa RUZIBIZA Kelvin Emmanuel mwene NTAMBARA Antoine na MUKAKIBIBI Marie, utuye mu Mudugudu w'Amahoro, Akagari ka Rukiri II, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone: 0788358852;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina RUZIBIZA izina NTAMBARA no gukura izina Emmanuel mu mazina asanganywe RUZIBIZA Kelvin Emmanuel akitwa **NTAMBARA Kelvin** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina NTAMBARA ari izina ry'umubyeyi we witabye Imana akaba adashaka ko rizima kandi ko izina Emmanuel riramutse riyongereye ku mazina ye yaba ari maremare.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina RUZIBIZA izina NTAMBARA no gukura izina Emmanuel mu mazina asanganywe RUZIBIZA Kelvin Emmanuel bityo akitwa **NTAMBARA Kelvin** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NDARIFITE BAHATI RUSABA  
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa NDARIFITE BAHATI mwene NDARIFITE Jack na MUJAWAYEZU Béatha, utuye mu Mudugudu wa Ruvumero, Akagari ka Nyamabuye, Umurenge wa Gatsata, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone no.0788890927;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Herve** mu mazina asanganywe NDARIFITE BAHATI akitwa **NDARIFITE BAHATI Herve** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Herve** ari izina yabatijwe bityo akaba yifuza ko ryakwandikwa mu bindi byangombwa bimuranga.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Herve** mu mazina asanganywe NDARIFITE BAHATI, bityo akitwa **NDARIFITE BAHATI Herve** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BANGAMWABO Ezéchiel RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa BANGAMWABO Ezéchiel mwene MBONYUMUSHI Samuel na MUKARUGAMBWA Elina, utuye mu Mudugudu wa Gihembe, Akagari ka Nyamiyaga, Umurenge wa Kageyo, Akarere ka Gicumbi mu Ntara y'Amajyaruguru, uboneka kuri telephone no. 0788271670;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe BANGAMWABO Ezéchiel, agasimbuza izina BANGAMWABO izina NTAKIRUTIMANA mu mazina asanganywe, BANGAMWABO Ezéchiel akitwa NTAKIRUTIMANA Ezéchiel mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina BANGAMWABO rimutera ipfunwe kubera ko risobanura ko abantu bava inda imwe baba bagiriranye nabi.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura amazina asanganywe BANGAMWABO Ezéchiel, agasimbuza izina BANGAMWABO izina NTAKIRUTIMANA, bityo akitwa NTAKIRUTIMANA Ezéchiel mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NSHIMYUMUKIZA Jules RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NSHIMYUMUKIZA Jules mwene NYIRISHEMA Bertin na NSABAYEZU Tamari, utuye mu Mudugudu wa Rurembo, Akagari ka Cyanya, Umurenge wa Kigabiro, Akarere ka Rwamagana mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telephone: 0787046433/0788675338;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina Ntwali ku mazina asanganywe NSHIMYUMUKIZA Jules bityo akitwa NSHIMYUMUKIZA Ntwali Jules mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Ntwali ari izina yiswe ari muto ariko ntiriyandikwa mu bitabo by'irangamimerere.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina Ntwali mu mazina asanganywe NSHIMYUMUKIZA Jules bityo akitwa NSHIMYUMUKIZA Ntwali Jules mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SAFARI ETIENNE RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa SAFARI Etienne mwene KAZUNGU na Madamu, utuye mu Mudugudu wa Cyinyambo, Akagari ka Mbugangari, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telephone: 0783720305;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina NDUNGUTSE ku mazina asanganywe SAFARI Etienne bityo akitwa **SAFARI NDUNGUTSE Etienne** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko ashaka kwitwa izina ry'Ikinyarwanda. Ikindi ni uko iri zina yarikoresheje ku nyandiko ze z'ishuri yiga mu gihugu cya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina NDUNGUTSE ku mazina asanganywe SAFARI Etienne bityo akitwa **SAFARI NDUNGUTSE Etienne** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUGISHA Emmanuel RUSABA  
GUHINDURA IZINA RY'UMWANA**

Uwitwa MUGISHA Emmanuel, umubyeyi wa MUGISHA AKARIZA Precious mwene MUGISHA Emmanuel na UMUTONIWASE Olive, utuye mu Mudugudu wa Itunda, Akagari ka Kabeza, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro mu Muji wa Kigali, uboneka kuri telephone no.0788365706/0787518282;

Yasabiye umwana we, MUGISHA AKARIZA Precious, uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe MUGISHA AKARIZA Precious, akongera izina **Mary** kuri aya mazina, akitwa **MUGISHA AKARIZA Mary Precious** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko akivuka ababyeyi be bamwise MUGISHA AKARIZA Precious, ariko nyuma abatizwa amazina **Mary Precious** bityo aza kwitwa **MUGISHA AKARIZA Mary Precious**.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, ko izina **Mary** ryakongerwa ku mazina asanganywe MUGISHA AKARIZA Precious, bityo akitwa **MUGISHA AKARIZA Mary Precious** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUGARAGU Joseph RUSABA  
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa MUGARAGU Joseph mwene MUCUMBITSI Felicien na NYIRAMIHIGO Beatrice, utuye mu Mudugudu w'Urugero, Akagari ka Kamutwa, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MUGARAGU izina **Muguet** mu mazina asanganywe MUGARAGU Joseph akitwa **Muguet Joseph** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Muguet** yariyise ari mu Gihugu cy'Ubufaransa kugira ngo ashakishe ubuzima none ibyangombwa yakuyeyo biriho amazina **Muguet Joseph**.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MUGARAGU izina **Muguet** mu mazina asanganywe MUGARAGU Joseph, bityo akitwa **Muguet Joseph** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NGAMIJE MUNYAMBONEZA RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NGAMIJE MUNYAMBONEZA mwene RWISUMBURA MPARIRWA na NYIRAKABIRIKA Asinatu, utuye mu Mudugudu wa Mizingo, Akagari ka Rega, Umurenge wa Bigogwe, Akarere ka Nyabihu mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telefone n° 0780380831;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe, NGAMIJE MUNYAMBONEZA, akongeraho izina **Samuel**, akitwa **NGAMIJE MUNYAMBONEZA Samuel** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Samuel** ari izina rya gikirisitu yabatijwe mu Itorerero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Samuel** ku mazina asanganywe, NGAMIJE MUNYAMBONEZA, bityo akitwa **NGAMIJE MUNYAMBONEZA Samuel** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NKURUNZIZA Jean d'Amour RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa NKURUNZIZA Jean d'Amour mwene KEZIMANA na MUKAMURENZI, utuye mu Mudugudu wa Mashyoza, Akagari ka Rusongati, Umurenge wa Kanama, Akarere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Jean d'Amour izina **Jean Pierre** ku mazina asanganywe NKURUNZIZA Jean d'Amour, akitwa **NKURUNZIZA Jean Pierre** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Jean Pierre** ari izina yabatijwe mu Itorerero ry'Abapresybiterienne.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Jean d'Amour izina **Jean Pierre** ku mazina asanganywe NKURUNZIZA Jean d'Amour, bityo akitwa **NKURUNZIZA Jean Pierre** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KABWANA Deo RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa KABWANA Deo mwene HARUDURA Barthazar na MUKANKUSI Patricie, utuye mu Mudugudu wa Nyamirambo, Akagari k'Amahoro, Umurenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge mu Muji wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina KABWANA izina **IBYIKORA** no kongera izina HARUDURA ku mazina asanganywe KABWANA Deo akitwa **IBYIKORA HARUDURA Deo**;

Impamvu atanga ni uko izina KABWANA rimutera ipfunwe muri bagenzi be naho izina HARUDURA rikaba ari izina rya se ashaka kwitwa nk'izina ry'umuryango.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina KABWANA izina **IBYIKORA** no kongera izina HARUDURA ku mazina asanganywe KABWANA Deo, bityo akitwa **IBYIKORA HARUDURA Deo** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KUNDWA CALEB RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa KUNDWA Caleb mwene MULINDWA Samuel na NIRERE Marion, utuye mu Mudugudu wa Rugunga, Akagari Muyange, Umurenge wa Kagarama, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali;

Yasabiwe uburenganzira bwo gusimbuza izina KUNDWA izina **INTWALI** no kongera izina **MUDIDI** ku mazina asanganywe KUNDWA Caleb akitwa **INTWALI MUDIDI Caleb**;

Impamvu itangwa ni uko ababyeyi b'uyu mwana bashaka ko agira izina rya sekuru MUDIDI naho izina KUNDWA rikaba ari izina ry'abakobwa kandi ari umuhungu.

Bakaba basaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina KUNDWA izina **INTWALI** no kongera izina **MUDIDI** ku mazina umwana wabo asanganywe KUNDWA Caleb akitwa **INTWALI MUDIDI Caleb** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA AMANI Innocent RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa AMANI Innocent, mwene MANZI Alexis na BIGIRINKA Domina, utuye mu Mudugudu wa Gacungiro, Akagari Musenyi, Umurenge wa Karangazi, Akarere ka Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone n° 0783322099/0788439563/0788217459;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe, AMANI Innocent, akongeraho izina **MANZI** bityo akitwa **MANZI AMANI Innocent** mu gitabo cy'Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina MANZI ari izina akomora kuri se umubyara witwa MANZI Alexis;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina MANZI mu mazina asanganywe, AMANI Innocent akitwa **MANZI AMANI Innocent** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA CYUSA Jean Michel RUSABA  
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa CYUSA Jean Michel mwene RUTAYISIRE Jean na MUKAMUKIZA Odette, utuye mu Mudugudu w'Amarembo I, Akagari ka Nyabisindu, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina SEMIHARE ku mazina asanganywe CYUSA Jean Michel, bityo akitwa **CYUSA SEMIHARE Jean Michel**;

Impamvu atanga ni uko akivuka ababyeyi be bamwise SEMIHARE ariko ntibyandikwa mu bitabo by'irangamimerere;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina SEMIHARE ku mazina asanganywe CYUSA Jean Michel bityo akitwa **CYUSA SEMIHARE Jean Michel** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUZIRANKONI Domina RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUZIRANKONI Domina mwene GAHIGI Livingston na MUKAKIGERI Florence, utuye mu Mudugudu wa Rugarama II, Akagari ka Nyamata Ville, Umurenge wa Nyamata, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone 0783791026;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe, MUZIRANKONI Domina, agasimbuza izina MUZIRANKONI izina **GAHIGI** n'izina Domina akarisimbuza izina **Doreen** akitwa **GAHIGI Doreen** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ku izina MUZIRANKONI ni uko rimutera ipfunwe aho abandi bamusererezaga ngo ni umwana w'umutesi arisimbuza izina rya se **GAHIGI**. Izina Domina akaba atararikunze agiye kubatizwa abatizwa **Doreen**.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina MUZIRANKONI, akarisimbuza izina **GAHIGI** n'izina Domina, akarisimbuza izina **Doreen** mu mazina asanganywe, MUZIRANKONI Domina bityo akitwa **GAHIGI Doreen** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.



**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUKAMPABUKA Esther RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUKAMPABUKA Esther mwene GAGA Jean na UWIMANA GAGA Jeanne d'Arc, utuye mu Mudugudu wa Rurembo, Akagari ka Gacuriro, Umurenge wa Kinyinya, Akarere ka Gasabo mu Muji wa Kigali, uboneka kuri telephone: 0784643298;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina GAGA ku mazina asanganywe MUKAMPABUKA Esther bityo akitwa **MUKAMPABUKA GAGA Esther** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina GAGA ari izina ry'umuryango ashaka kwitwa. Ikindi ni uko iri zina yarikoresheje ku byangombwa bye byo mu gihugu cya Namibiya anafitiye ubwenegihugu.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina GAGA mu mazina asanganywe MUKAMPABUKA Esther bityo akitwa **MUKAMPABUKA GAGA Esther** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NTIHINYUZWA Hassan RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa NTIHINYUZWA Hassan mwene KAYIGEMA Galcan na MUKABAHIZI Eugenie, utuye mu Mudugudu wa ETO Nyakigezi, Akagari ka Kiniha, Umurenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi mu Ntara y'Iburengerazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Hassan izina **Ben** ku mazina asanganywe NTIHINYUZWA Hassan bityo akitwa **NTIHINYUZWA Ben**;

Impamvu atanga ni uko izina Hassan ari izina ry'abayisilamu kandi we akaba atakiri umusiramu. Ikindi ni uko izina Ben yaribatijwe mu Itorero rya Gikirisitu yinjiyemo.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Hassan izina **Ben** ku mazina asanganywe NTIHINYUZWA Hassan bityo akitwa **NTIHINYUZWA Ben** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NDASHIMYE Jean Damascène Mardochée RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NDASHIMYE Jean Damascène Mardochée mwene NTAWURUHUNGA Bernard na MUKAMUSONI Bernadette, utuye mu Mudugudu wa Ruhorobero, Akagari ka Kibenga, Umurenge wa Mayange, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone n°0789099816/0725857821;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe NDASHIMYE Jean Damascène Mardochée, agakura izina **Mardochée**, mu mazina asanganywe NDASHIMYE Jean Damascène Mardochée akitwa **NDASHIMYE Jean Damascène** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko afite amazina maremare bikaba bituma hamwe muri serivisi asaba badashobora kuyandika yose.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gukura izina **Mardochée** mu mazina asanganywe, NDASHIMYE Jean Damascène Mardochée, bityo akitwa **NDASHIMYE Jean Damascène** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUKABAMI MUNEGE MUNYANZIZA RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUKABAMI MUNEGE MUNYANZIZA mwene MUNEGE RUGAGAZA na NYIRANSHOKEYINKA utuye mu Mudugudu wa Kivugiza, Akagari ka Kanyamikongi, Umurenge wa Kanzenze, Akarere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telefone: 0783682309;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MUNYANZIZA izina **Justine** ku mazina asanganywe MUKABAMI MUNEGE MUNYANZIZA akitwa **MUKABAMI MUNEGE Justine** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Justine** ari izina yabatijwe mu Itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MUNYANZIZA izina **Justine** ku mazina asanganywe MUKABAMI MUNEGE MUNYANZIZA bityo akitwa **MUKABAMI MUNEGE Justine** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KOMERA Landy RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa KOMERA Landy mwene KABAYIZA na MUKAMUTARA, utuye mu Mudugudu w'Umubano, Akagari ka Mbugangari, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Landy izina **Innocent** ku mazina asanganywe KOMERA Landy akitwa **KOMERA Innocent**;

Impamvu atanga ni uko izina **Innocent** yaribatijwe mu Itorero rya Shammah Ministries.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Landy izina **Innocent** ku mazina asanganywe KOMERA Landy bityo akitwa **KOMERA Innocent** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NTAWUGASHIRA RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NTAWUGASHIRA mwene BUHWEJE Paul na MUKAKIMENYI Pascasie, utuye mu Mudugudu wa Karugaju, Akagari ka Butangampundu, Umurenge wa Burega, Akarere ka Rulindo Intara y'Amajyaruguru, uboneka kuri telefone N° 0786119753;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina asanganywe NTAWUGASHIRA, akongera izina **Jean Bosco** ku izina asanganywe NTAWUGASHIRA bityo akitwa **NTAWUGASHIRA Jean Bosco** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **Jean Bosco** izina yabatijwe muri Kiliziya Gaturika.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Jean Bosco** ku izina asanganywe NTAWUGASHIRA bityo akitwa **NTAWUGASHIRA Jean Bosco** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUCANCURO Axcel RUSABA  
GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUCANCURO Axcel mwene RUTAGARAMA Jean Marie Vianney na MUKAMURENZI Monique, utuye mu Mudugudu wa Mumararungu, Akagari ka Kabuguru I, Umurenge wa Rwezamenyo, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0782029826;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina MUCANCURO akarisimbuza izina **RUTAGARAMA** mu mazina asanganywe MUCANCURO Axcel akitwa **RUTAGARAMA Axcel** mu gitabo cy'Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina MUCANCURO rimutera ipfunwe muri bagenzi be. Ikindi ni uko RUTAGARAMA ari izina rya se ashaka kwitwa nk'izina ry'umuryango.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina MUCANCURO, akarisimbuza izina **RUTAGARAMA** mu mazina asanganywe MUCANCURO Axcel bityo akitwa **RUTAGARAMA Axcel** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUGUNGA Jean Bosco RUSABA  
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa MUGUNGA Jean Bosco mwene SENYANGE Narcisse na MUCYARA Ferecul, utuye mu Mudugudu wa Kimena, Akagari ka Karembure, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Jean Bosco izina **Christian** ku mazina asanganywe MUGUNGA Jean Bosco, bityo akitwa **MUGUNGA Christian**;

Impamvu atanga ni uko izina Jean Bosco rimutera ipfunwe kubera umunyarwanda wakoze Jenoside Jean Bosco BARAYAGWIZA, none nawe bagenzi be basigaye bamwita Jean Bosco Barayagwiza;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Jean Bosco izina **Christian**, ku mazina asanganywe MUGUNGA Jean Bosco, bityo akitwa **MUGUNGA Christian** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NSHIMIYIMANA Jonadab RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa NSHIMIYIMANA Jonadab mwene GASINZIGWA Aloys na MUREKATETE Immaculée, utuye mu Mudugudu wa Busasamana, Akagari ka Karuruma, Umurenge wa Gatsata, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina NSHIMIYIMANA izina **GATERA** ku mazina asanganywe NSHIMIYIMANA Jonadab akitwa **GATERA Jonadab**;

Impamvu atanga ni uko izina NSHIMIYIMANA rimukomeretsa kubera amateka y'umubyeyi watemaguwe n'interahamwe yitwa NSHIMIYIMANA, ikindi ni uko aya mazina **GATERA Jonadab** ari yo akoresha mu gihugu cya Norvege;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina NSHIMIYIMANA izina **GATERA** ku mazina asanganywe NSHIMIYIMANA Jonadab akitwa **GATERA Jonadab** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUKARUGAMBWA Beretrida KAGENZA RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUKARUGAMBWA Beretrida KAGENZA mwene KAGENZA Faustin na MUKAMULIGO Beatrice, utuye mu Mudugudu wa Nezerwa, Akagari ka Kibenga, Umurenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone 0780439793;

Yasabye uburenganzira bwo kuvana izina KAGENZA mu mazina asanganywe MUKARUGAMBWA Beretrida KAGENZA akitwa **MUKARUGAMBWA Beretrida** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko amazina MUKARUGAMBWA Beretrida ari yo mazina akoresha ku byangombwa bye byinshi harimo n'inyandiko z'amashuri yigiye mu bihugu byo hanze;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kuvana izina KAGENZA mu mazina asanganywe MUKARUGAMBWA Beretrida KAGENZA bityo akitwa **MUKARUGAMBWA Beretrida** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUSHIMIYIMANA Jean Pierre RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUSHIMIYIMANA Jean Pierre mwene MURASIRA Ladislas na NYIRANDIMUKAGA Pelagie, utuye mu Mudugudu wa Kanama, Akagari ka Torero, Umurenge wa Ngororero, Akarere ka Ngororero mu Ntara y'Iburengerazuba, uboneka kuri telefone N° 0786082572;

Yasabye uburenganzira bwo kuvana izina **Jean** mu mazina asanganywe MUSHIMIYIMANA Jean Pierre akitwa **MUSHIMIYIMANA Pierre** mu gitabo cy'Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Pierre ari ryo yabatijwe muri Kiriziya Gatorika;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kuvana izina Jean mu mazina asanganywe MUSHIMIYIMANA Jean Pierre akitwa **MUSHIMIYIMANA Pierre** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SEBAHUTU Jean Marie Vianney RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa SEBAHUTU Jean Marie Vianney mwene NTAMBARA Nathanael na MUKAKABARIRA Vestine, utuye mu Mudugudu wa Rubyiniro, Akagari ka Rusekera, Umurenge wa Ruhunde, Akarere ka Burera mu Ntara y'Amajyaruguru, uboneka kuri telefone N° 0785595774;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina SEBAHUTU akarisimbuza izina **SEBAGANWA** mu mazina asanganywe SEBAHUTU Jean Marie Vianney akitwa **SEBAGANWA Jean Marie Vianney** mu gitabo cy'Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina SEBAHUTU ari izina rimutera ipfunwe kuko rishingiye ku bwoko;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina SEBAHUTU akarisimbuza izina **SEBAGANWA** mu mazina asanganywe SEBAHUTU Jean Marie Vianney bityo akitwa **SEBAGANWA Jean Marie Vianney** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BARONGERWA Elise RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa BARONGERWA Elise mwene MITABU Enoch na NYIRAKIRAMBI Abiya, utuye mu Mudugudu wa Nyarucyamu I, Akagari ka Gahogo, Umurenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga mu Ntara y'Amajyepfo, uboneka kuri telefone n° 0788857063/0728857063;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Elise izina **Elisée** no kongera izina **RUSHINGANA** mu mazina asanganywe BARONGERWA Elise akitwa **BARONGERWA RUSHINGANA Elisée** mu gitabo cy'Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko amazina **RUSHINGANA Elisée** ari amazina ababyeyi be bamwise ariko ntiyandikwa mu bitabo by'irangamimerere;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Elise izina **Elisée** no kongera izina **RUSHINGANA** mu mazina asanganywe, BARONGERWA Elise akitwa **BARONGERWA RUSHINGANA Elisée** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA UWAYO Emmanuel RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa UWAYO Emmanuel mwene NZASANGA na KABEGA Symhrose, utuye mu Mudugudu w'Isangano, Akagari ka Ngoma, Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **RWEMA** mu mazina asanganywe UWAYO Emmanuel akitwa **UWAYO RWEMA Emmanuel**;

Impamvu atanga ni uko izina **RWEMA** ari izina ababyeyi be bamwise akiri muto ariko ntiyandikishwa mu bitabo by'irangamimerere.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **RWEMA** mu mazina asanganywe UWAYO Emmanuel, bityo akitwa **UWAYO RWEMA Emmanuel** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA OSSAMA Ahmed RUSABA GUHINDURA IZINA**

Bwana OTTO Ahmed na Madamu MUKANKAKA Salima, ababyeyi b'uwitwa OSSAMA Ahmed, batuye mu Mudugudu w'Umurimo, Akagari ka Biryogo, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali, baboneka kuri telephone: 0788487505/0788693166;

Basabye uburenganzira bwo guhindura izina Ahmed mu mazina asanganywe OSSAMA Ahmed akitwa **RWEMA Ossama** mu Irangamimerere;

Impamvu batanga ni uko umwana wabo aterwa ipfunwe no kutagira izina ry'ikinyarwanda mu mazina ye.

Bakaba basaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Ahmed izina **RWEMA** mu mazina asanganywe OSSAMA Ahmed, bityo akitwa **RWEMA Ossama** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA CYIZA Olivier RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa CYIZA Olivier mwene HABITEGEKO Augustin na MUKAMAZIMPAKA Beatha, utuye mu Mudugudu wa Musumba, Akagari ka Yaramba, Umurenge wa Ngera, Akarere ka Nyaruguru mu Ntara y'Amajyepfo, uboneka kuri telefone no.0784568226/0788728581;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina CYIZA izina **KAREKEZI** mu mazina asanganywe CYIZA Olivier akitwa **KAREKEZI Olivier** mu gitabo cy'Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina **KAREKEZI** ari izina rya Sekuru ashaka kwitwa nk'izina ry'umuryango. Ikindi ni uko yarikoresheje ku nyandiko ze z'ishuri;

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina CYIZA akarisimbuza izina **KAREKEZI** mu mazina asanganywe CYIZA Olivier, bityo akitwa **KAREKEZI Olivier** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.



**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NIYIRORA RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa NIYIRORA mwene GATABAZI Bernard na MUKARUSINE Janvière, utuye mu Mudugudu wa Ruyema, Akagari ka Cyerwa, Umurenge wa Gashanda, Akarere ka Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telephone: 0789679497;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Alex** ku izina asanganywe NIYIRORA akitwa **NIYIRORA Alex** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina **Alex** ari izina yabatijwe mu Itorero y'Abanyagaturika.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Alex** ku izina asanganywe NIYIRORA, bityo akitwa **NIYIRORA Alex** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MINANI Mustapha RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MINANI Mustapha mwene TWAGIRIMANA Sosipathe na MUKAGATARE Sarah, utuye mu Mudugudu wa Bwiza, Akagari ka Nyakabanda, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telephone: 0786465444;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Mustapha izina **Christian** mu mazina asanganywe MINANI Mustapha akitwa **MINANI Christian** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina **Christian** yarihawe yinjiye mu Idini ya gi Kirisitu.

Akaba asaba kwemererwa, binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Mustapha izina **Christian** mu mazina asanganywe MINANI Mustapha, bityo akitwa **MINANI Christian** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA RIBAKARE Abdoul Djabal RUSABA GUHINDURA IZINA**

